# 57: Umukiza wac' ashobora Kutunezeza mw isi.

1. Umukiza wac' ashobora Kutunezeza mw isi.
   Atuyobora kubw' ubuntu, Ni w' uduhaz' ibyiza.Twizey' ubuntu bwe, kuko na we
   Yemeye kutuyobora twese. Haleluya, haleluya, Haleluya, ashimwe.

2. Ni byiza gukund' iyo Mana, Kuko yaducunguye. Kandi ni byiza ko mb' uwayo,
   Bindinda kuzimira.Tuzahoran' umunezero no Mu gihe byose bizahinduka. Haleluya, haleluya,
   Haleluya, ashimwe.

3. Iyo tugeragejwe kenshi Mu mwi jima w'iyi si, Tumenya kw ibyo byose mw isi Ar'
   iby' igihe gito.Mw ijuru nta mubabar' uhari, Nta n'amarira azahagera. Haleluya,
   haleluya, Haleluya, ashimwe!

4. Tureke kwiganyira kenshi, Kubw' inzu n'ibyo kurya, Kukw ibyo byose tubihabwa
   Kubw' ubuntu bw' Imana. Atuyobora mu nzira yose, Kand' atwikorerer' imitwaro. Haleluya,
   haleluya, Haleluya, ashimwe.

5. Ubw' ari byiza mur' iyi si Kwizer' Umwami Yesu. Bizamera bite mw ijuru Tubony'
   uburanga bwe.N'ukuri tuzanezerwa cyane Tubony' u bwiza bwe budashira.
   Haleluya, haleluya, Haleluya, ashimwe!

Visit us at indirimbo.com